**Kinyarwanda I**

**009**

**29/10/2014 2.00 PM-5.00 PM**

**REB**
**Rwanda Education Board**

# IKIZAMINI CYA LETA GISOZA ICYICIRO RUSANGE CY'AMASHURI YISUMBUYE, 2014

## IKIZAMINI: KINYARWANDA I

## IGIHE KIMARA: AMASAHA 3

**AMABWIRIZA:**

1) Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
2) Ikizamini kigizwe n'ibice bine:

**Igice cya mbere**: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko **(amanota 32)**
**Igice cya kabiri**: Ikibonezamvugo **(amanota 45)**
**Igice cya gatatu**: Imyandikire n'ubumenyi by'ururimi **(amanota 8)**
**Igice cya kane**: Ihangamwandiko **(amanota 15)**

3) Subiriza mu ikayi yabugenewe wubahiriza itonde ry'ibibazo uko bikurikirana.
4) Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
5) Gusiribanga, guhindagura ibisubizo no kubihuza na mugenzi wawe cyane cyane ibipfuye bifatwa nko gukopera cyangwa gukopezwa.
6) Ubujijwe rwose kugaragaza amazina yawe, ay'ishuri wigamo cyangwa ibindi bikuranga ku ihangamwandiko n'ahandi hose hatabugenewe ku ikayi y'ibisubizo.

**UMWANDIKO : YANYOYE NZOBYA**

*Uyu mugani baca ngo "Yanyoye nzobya" wakomotse ku muntu witwaga Nzobya w'i Ngarurira mu Buyenzi; yari umutoni wa Mibambwe Sentabyo, ahasaga umwaka wa1800. Bawuca iyo babonye umuntu wanyoye agasinda cyane, bimwe bavuga ngo "yabaye Sabizeze".*

Uwo mugabo Nzobya rero yabaye umutoni w'akadasohoka kwa Mibambwe Sentabyo, bukeye Mibambwe afatwa n'ubushita buramwica, agwa i Remera rya Rukoma na Ngamba (Kamonyi, Intara y'Amajyepfo). Amaze gupfa umuhungu we Gahindiro umuzunguye, yangana na ba se wabo, abo bitaga ibigina bya Ndabarasa. Semugaza wari umutware w'umutwe w'ingabo zitwaga Urukatsa, afatanya na Nzobya banesha ibigina. Hanyuma ariko Nyiratunga, nyina wa Gahindiro, yanga Semugaza, bituma acikana n'Urukatsa bajya mu Ndorwa. Nzobya asigara mu Rwanda.

Hanyuma aho Gahindiro amariye gutoneshereza Rugaju rwa Mutimbo, amugabiye akatsi ko haruguru y'inzira no hepfo yayo, Nzobya asubira inyuma ntibamurebe neza. Bigeze aho arasezera ajya iwe mu Buyenzi, ku musozi witwa Ngarurira. Amazeyo iminsi, abantu b'amacuti ye baza kumubwira ko ibintu bimumereye nabi ibwami. Nzobya ariyumvira, ati "uruzi ngo Semugaza acike ansige mu Rwanda!" Aherako akoresha amakoro yo gutura Gahindiro i Rubona rwa Gihara mu Karere ka Kamonyi. Ahaguruka iwe i Ngarurira ataha mu i Ceni ku Bisi bya Huye; mu gitondo arahava ataha i Mayunzwe mu Nduga (Ruhango); bukeye ataha i Gihinga na Ruzege munsi ya Kamonyi. Ahageze araza inkera, arasinda n'abagaragu be, inzoga imaze kumusaga abwira abagaragu be ati "ubonye ngo databuja Mibambwe ansige mu gihugu none mbe nsigaye inyuma ya Rugaju; mbese mwene databuja Semugaza we gucika akansiga mu Rwanda nabitewe n'iki?" Ati "ubu ndagiye nsange databuja Mibambwe ku Musezero i Rutare, ningera ku mva ye niyahure mpwane na we". Ubwo ayo yose yayavugishwaga n'inzoga.

Nuko abagaragu be baramuhana arabananira, ateshwa inzira ijya i Rubona kwa Gahindiro, aboneza iy'epfo ku Kavuza n'Uruyenzi, yambuka Nyabarongo ataha i Kinyinya mu Bwanacyambwe (Gasabo). Amaze kuhagera, na none araza inkera. Isindwe riramudanangira akomeza ya migabo ye yo kwiyahura ntiyagaruka. Ibwami bamenya ko acitse nka Semugaza, bohereza ingabo zo kumutangira ngo zimufate. Nzobya amaze kubyumva arahaguruka ngo acikane n'ingabo ze nka Semugaza. Ariko abantu babonye ko babungerezwa n'umusinzi, bamwegukaho basubira i Gihara kwa Gahindiro barayoboka.

Nzobya na we abonye abantu bamushizeho, yambuka Nyabarongo aboneza iy'i Buliza; ageze ku mugezi wa Rusasa na Ntarabana, inyota iramurembya, ajya ku mugezi anywa amazi, amaze kuyahaga ariyahura arapfa. Icyo cyambu yanywereyemo cyitwa Akazi, ni ho havuye ijambo rivugwa n'ubu ryo kunywa Akazi ka Rusasa. Ayo mafuti yose rero Nzobya yakoze kuva ku Kamonyi kugera i Rusasa na Ntarabana, yayakoreshwaga n'itende ry'inturire yihoshyaga; ni yo bise nzobya, babonye urupfu rwe ruturutse ku itende ry'ubuki n'inturire; barabimwitirira byitwa Nzobya.

Kuva ubwo inzoga yose y'itende bayita Nzobya. Ni byo bavugira ku muntu isindwe ryakoresheje ibidakorwa, bati "Noneho si inzoga yanyoye, yanyoye Nzobya".

Kunywa nzobya = Gusinda ugata ubwenge; kunywa icyishi.

**IGICE CYA MBERE** ***(Amanota 32)***

**A. KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO** ***(amanota 14)***

**1.** Uyu mwandiko ni bwoko ki? Sobanura **(2)**

**2.** Semugaza yari ashinzwe iki? Ni ikihe gikorwa cy'ubutwari batubwira yakoze ? **(2)**

**3.** Semugaza amaze kutumvikana na Nyiratunga yakoze iki?
Nyiratunga uwo yari muntu ki ? **(2)**

**4.** Ni iki kigaragaza ko Rugaju yari atoneshejwe cyane? **(1)**

**5.** Ni iyihe mpamvu y'ingenzi yatumye Nzobya asezera agasubira iwabo? **(1)**

**6.** Nzobya yakuye he inzoga yaraje inkera i Gihinga na Ruzege? **(1)**

**7.** "Uyikura mu kabindi ikagukura mu bagabo".
Sobanura uyu mugani mu mirongo itarenze itatu(3). **(2)**

**8.** Nzobya yavuze ko asanze shebuja Mibambwe ku Musezero i Rutare. Shebuja uwo yahakoraga iki? Ni iki uzi ku Musezero wa Rutare mu mateka y'abami b'u Rwanda? **(2)**

**9.** Kuki abantu bafashe umwanzuro wo kweguka kuri Nzobya? **(1)**

**B. INYUNGURAMAGAMBO** **(12)**

**10.** ***Garagaza mu mwandiko amagambo cyangwa interuro bisobanura:***

**a.** Umuntu ukunzwe cyane: **b.** Indwara yo kwishimagura:
**c.** Amuhaye icya kabiri cy'inka z'u Rwanda:
**d.** Kurara mu gitaramo abantu banywa:
**e.** Arasinda cyane: **f.** Bamuvaho:
**g.** Amaturo baturaga umwami: **h.** Amusimbuye:
**i.** Inzoga yo hasi mu kibindi irimo urubetezi:
**j.** Gutoroka igihugu: **k.** Asigaye wenyine:
**l.** Gusinda ugata ubwenge:

**C. IMPUZANYITO:** ***(amanota 6)***

**11. Uhereye ku mwandiko n'ubumenyi bwawe bw'ururimi, uzuza cyangwa usimbuze amagambo aciyeho akarongo andi magambo asobanura kimwe n'ayatanzwe:** **(6)**

**a.** Inzoga yengeshejwe ubuki bwonyine bayita **.......................,** naho ikigage kirimo ubuki kikitwa **...........** . Urwagwa bashyizemo ubuki bakabitarana rwitwa ...............................

**b.** Bukeye Mibambwe afatwa n'ubushita, <u>arapfa</u>, <u>umurambo</u> we <u>bawushyingura</u> iyo ngiyo.

**IGICE CYA KABIRI : IKIBONEZAMVUGO** ***(Amanota 45)***

**12.** ***Andika ubwoko bw'amagambo akurikira aciyeho akarongo:*** **(7)**

**a.** <u>Hanyuma</u> aho Gahindiro <u>amariye</u> gutoneshereza <u>Rugaju</u>.

**b.** <u>Abandi</u> babibonye batyo "bati tubigize <u>dute</u>?"

**c.** Mibambwe Sentabyo amaze <u>gupfa</u> azungurwa n'umuhungu <u>we</u> Gahindiro.

**13.** ***Garagaza intego z'amagambo aciyeho akarongo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe:*** **(15)**

**a.** <u>Uwo</u> mugabo Nzobya yakundaga <u>inzoga</u> cyane.

b. Abagaragu be baryanirana <u>inzara</u> babonye ko Nzobya yabaye <u>ibyatsi</u>.
c. Nzobya <u>ateshwa</u> inzira no gusinda ahitamo <u>kwigendera</u> ngo acike.
d. Semugaza yari umutware w'<u>abô</u> bitaga Urukatsa.
e. <u>Kunywa</u> nzobya bisobanura kunywa <u>icyishi</u>.
f. Nzobya <u>amaze</u> gusinda ati "<u>jye</u> ngiye kwiyahura."
g. <u>Ba</u> bagaragu be babibonye bamwegukaho asigara <u>wenyine</u>.

**14. *Garagaza ibicumbi by'amagambo aciyeho akarongo*** **(5)**

a. Amaze <u>gupfa</u> azungurwa n'umuhungu we Gahindiro.
b. Ageze ku mugezi wa Rusasa <u>inyota</u> <u>iramurembya</u>.
c. <u>Ndagiye</u> ningera ku mva ye niyahure <u>mpwane</u> na we.

**15. *Andika inteko (ku mazina, ibinyazina na ntera) cyangwa ngenga (ku nshinga) z'amagambo aciyeho akarongo:*** **(7)**

a. Babimubwiye na <u>we</u> arabyemera.
b. Ibwami bohereza <u>ingabo</u> zo kumutangira.
c. Nzobya amaze gusinda ati "<u>ubonye</u> ngo Mibambwe <u>ansige</u> mu <u>gihugu</u>!"
d. Babivuze ukuri ngo kwasama <u>kubi</u> ni <u>ukurira</u>.

**16. UBUTINDE N'AMASAKU *(amanota 11)***

a. ***Tandukanya amagambo yandikwa atya ukoresheje ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku ugabanya ibimenyetso*** **(5)**

i. ibishashi (by'umuriro) ≠ ....................(bikoze muri parasitiki)
ii. gutuma (umuntu ahantu) ≠ ....................( ivu cyangwa isazi)
iii. Kurongora (gushorera inka) ≠ ....................(umugeni)
iv. Gukuba (imibare) ≠ .................... (ikintu ugikuraho umwanda)
v. Gufungura (urugi) ≠ ....................( kurya)

b. ***Garagaza ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku ugabanya ibimenyetso muri iyi nteruro*** **(6)**

Hashize iminsi abantu b'amacuti baza kumubwira ko ibintu bimumereye nabi ibwami.

## IGICE CYA GATATU : IMYANDIKIRE Y'URURIMI *(amanota 8)*

**17.** Tanga amagambo abiri (2) arimo igihekane "**byw**" n'ijambo rimwe (1) ririmo igihekane **"vy"**. **(3)**

**18.** Wifashishije ingero erekana ahantu hatatu(3) mu myandikire yemewe y'Ikinyarwanda wemerewe gukurikiranya inyajwi ebyiri zisa? **(3)**

**19.** Interuro ibaza itangirwa n'iki, igasozwa n'iki? **(2)**

## IGICE CYA KANE : IHANGAMWANDIKO (15)

**20.** Hitamo imwe muri izi nsanganyamatsiko ebyiri uyivanemo umwandiko urambuye w'imirongo 25 n'amagambo 200 yose hamwe.

a. Ibyiza n'ibibi by'inzoga mu muryango nyarwanda no ku buzima bwa muntu.
b. Ibyiza n'ingorane by'amashuri y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka cumi n'ibiri (12).